

ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RYEREKEYE UBURYO BW'IKORANABUHANGA MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI, KUVANIRWAHO UMUSORO N'IGIHEMBO GIHABWA UMUNTU WATANZE AMAKURU KU INYEREZWA RY'UMUSORO <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>UMUTWE WA II: UBURYO N'IBISABWA MU GUKORESHA UBURYO BW'IKORANABUHANGA MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI</u> <u>Ingingo ya 3:</u> Ibisabwa mu gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi <u>Ingingo ya 4:</u> Guhuza sisitemu zitanga inyemezabuguzi	MINISTERIAL ORDER N° 006/26/10/TC OF 24/09/2026 ON THE USE OF THE ELECTRONIC INVOICING SYSTEM, WAIVER OF TAX AND THE AWARD GIVEN TO A PERSON FOR REPORTING A CASE OF TAX EVASION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Interpretation <u>CHAPTER II: MODALITIES AND REQUIREMENTS FOR THE USE OF ELECTRONIC INVOICING SYSTEM</u> <u>Article 3:</u> Requirements for the use of electronic invoicing system <u>Article 4:</u> Invoicing system integration	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 006/26/10/TC DU 24/09/2026 PORTANT UTILISATION DU SYSTÈME DE FACTURATION ÉLECTRONIQUE, DISPENSE DE PAIEMENT D'IMPÔT ET RÉCOMPENSE ATTRIBUÉE À UNE PERSONNE POUR DÉNONCIATION D'UNE FRAUDE FISCALE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2:</u> Interprétation <u>CHAPITRE II: MODALITÉS ET EXIGENCES RELATIVES À L'UTILISATION D'UN SYSTÈME DE FACTURATION ÉLECTRONIQUE</u> <u>Article 3:</u> Exigences relatives à l'utilisation d'un système de facturation électronique <u>Article 4:</u> Intégration des systèmes de facturation
--	---	--

<u>Ingingo ya 5:</u> Inyemezabuguzi ikozwe n'umuguzi	<u>Article 5:</u> Buyer initiated invoice	<u>Article 5:</u> Facture initiée par l'acheteur
<u>Ingingo ya 6:</u> Ibigomba kugaragara ku nyemezabuguzi	<u>Article 6:</u> Invoice data requirements	<u>Article 6:</u> Données requises sur une facture
<u>Ingingo ya 7:</u> Ubwoko bw'ibikorwa by'ubucuruzi n'inyemezabuguzi	<u>Article 7:</u> Types of transactions and invoices	<u>Article 7:</u> Types de transactions et de factures
<u>Ingingo ya 8:</u> Abantu badasabwa gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 8:</u> Persons not required to use electronic invoicing system	<u>Article 8:</u> Personnes non tenues d'utiliser le système de facturation électronique
<u>Ingingo ya 9:</u> Kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'ikoreshwa ry'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 9:</u> Compliance and monitoring of the use of electronic invoicing system	<u>Article 9:</u> Conformité et contrôle de l'utilisation du système de facturation électronique
<u>UMUTWE WA III: KUVANIRWAHO UMUSORO</u>	<u>CHAPTER III: WAIVER OF TAX</u>	<u>CHAPITRE III: DISPENSE DE PAIEMENT D'IMPÔT</u>
<u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bukurikizwa mu gusaba kuvanirwaho umusoro	<u>Article 10:</u> Modalities for applying for waiver of tax	<u>Article 10:</u> Modalités de demande de la dispense de paiement d'impôt
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa kugira ngo usora yemererwe kuvanirwaho umusoro, inyungu z'ubukererwe cyangwa ibihano	<u>Article 11:</u> Conditions for waiver of tax, interests for late payment or penalties	<u>Article 11:</u> Conditions de dispense de paiement d'impôt, des intérêts de retard ou des pénalités

UMUTWE WA IV: IGIHEMBO GIHABWA UMUNTU WATANZE AMAKURU KU INYEREZWA RY'UMUSORO <u>Ingingo ya 12:</u> Igihembo UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA <u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 14:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 15:</u> Gutangira gukurikizwa	CHAPTER IV: AWARD GIVEN TO A PERSON FOR REPORTING A CASE OF TAX EVASION <u>Article 12:</u> Award CHAPTER V: FINAL PROVISIONS <u>Article 13:</u> Repealing provision <u>Article 14:</u> Language provision <u>Article 15:</u> Entry into force	CHAPITRE IV: RÉCOMPENSE ATTRIBUÉE À UNE PERSONNE POUR AVOIR SIGNALÉ UN CAS DE FRAUDE FISCALE <u>Article 12:</u> Récompense CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES <u>Article 13:</u> Disposition abrogatoire <u>Article 14:</u> Disposition linguistique <u>Article 15:</u> Entrée en vigueur
--	---	---

ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RYEREKEYE UBURYO BW'IKORANABUHANGA MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI, KUVANIRWAHO UMUSORO N'IGIHEMBO GIHABWA UMUNTU WATANZE AMAKURU KU INYEREZWA RY'UMUSORO	MINISTERIAL ORDER N° 006/26/10/TC OF 24/09/2026 ON THE USE OF THE ELECTRONIC INVOICING SYSTEM, WAIVER OF TAX AND THE AWARD GIVEN TO A PERSON FOR REPORTING A CASE OF TAX EVASION	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 006/26/10/TC DU 24/09/2026 PORTANT UTILISATION DU SYSTÈME DE FACTURATION ÉLECTRONIQUE, DISPENSE DE PAIEMENT D'IMPÔT ET RÉCOMPENSE ATTRIBUÉE À UNE PERSONNE POUR DÉNONCIATION D'UNE FRAUDE FISCALE
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	The Minister of Finance and Economic Planning	Le Ministre des Finances et de la Planification Économique;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda;
Ashingiye ku Itegeko n° 020/2023 ryo ku wa 31/03/2023 rigena uburyo bw'isoresha, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 17(2), iya 76(5) n'iya 102(2);	Pursuant to Law n° 020/2023 of 31/03/2023 on tax procedures, especially in Articles 17(2), 76(5) and 102(2);	Vu la Loi n° 020/2023 du 31/03/2023 portant procédures fiscales, spécialement en ses articles 17(2), 76(5) et 102(2);
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 002/13/10/TC ryo ku wa 31/07/2013 rigena imikoreshereze y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga inyemezabuguzi;	Having reviewed Ministerial Order n° 002/13/10/TC of 31/07/2013 on modalities of use of a certified electronic billing machine;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 002/13/10/TC du 31/07/2013 portant modalités d'utilisation de la machine de facturation électronique agréée;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2026 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2026 ;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2026;

ATEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije Iri teka rigena – (a) uburyo n’ibisabwa mu gukoresha uburyo bw’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi; (b) uburyo n’ibisabwa mu gusaba kuvanirwaho umusoro; (c) n’igihembo gihabwa umuntu watanze amakuru ku inyerezwa ry’umusoro. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri teka: (a) «igikoresho koranabuhanga cyifashishwa mu kubara no mu gutanga inyemezabuguzi» bivuga sisitemu yemewe ikoreshwa mu kugurisha, ikintu cyangwa	ORDERS: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One: Purpose of this Order</u> This Order determines – (a) modalities and requirements for the use of electronic invoicing system; (b) modalities and conditions for applying for waiver of tax; and (c) the award given to a person for reporting a case of tax evasion. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Order: (a) “computing device” means any certified point of sale system, gadget or any other electronic device for the purpose of electronic invoicing system;	ARRÊTE : <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine – (a) les modalités et les exigences relatives à l’utilisation d’un système de facturation électronique; (b) les modalités et les conditions de demande de la dispense de paiement d’impôt; et (c) la récompense attribuée à une personne pour dénonciation de la fraude fiscale. <u>Article 2: Interprétation</u> Dans le présent arrêté: (a) « appareil informatique » signifie un système de point de vente certifié, un gadget ou tout autre appareil électronique destiné au système de facturation
--	---	---

ikindi gikoresho cyose cy'ikoranabuhanga kigamije gukora nk'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi; (b) « inomeru iranga umuguzi » bivuga imibare ikoreshe mu kumenya umuguzi, ushobora kurangwa na TIN, inomeru ye ya telefoni cyangwa amazeru icyenda; (c) « inyemezabuguzi » bivuga inyandiko ikorwa n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bwemewe, igaragaza ingano n'agaciro k'ibintu cyangwa aka serivisi byaguzwe; (d) « SDC » bivuga igenzura ry'amakuru y'ibyagurishijwe, ari yo numero yihariye iranga igikorwa cy'igurisha ihabwa usora n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bwemewe; (e) « TIN » bivuga inomeru iranga usora ikoreshe mu bijyanye n'isoresha;	(b) “buyer identification number” means a numerical identifier used to identify a buyer, which can be identified by a TIN, telephone number or nine zeroes; (c) “invoice” means a document generated by a certified electronic invoicing system, which indicates the quantity and price of goods or services purchased; (d) “SDC” means Sales Data Controller which is a unique serial number that is attributed to a taxpayer by a certified electronic invoicing system; (e) “TIN” means the Tax Identification Number used for tax purposes;	électronique; (b) « numéro d'identification de l'acheteur » signifie un identifiant numérique utilisé pour identifier l'acheteur, qui peut être identifié par son TIN, son numéro de téléphone ou neuf zéros ; (c) « facture » signifie un document généré par un système de facturation électronique certifié, qui indique la quantité et le prix des biens ou des services achetés ; (d) « SDC » signifie un contrôleur des données de ventes qui est un numéro de série unique attribué à un contribuable par un système de facturation électronique certifié ; (e) « TIN » signifie le numéro d'identification fiscale à utiliser à des fins fiscales ;
---	---	--

(f) « uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi » bivuga uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bwemewe n'ubuyobozi bw'imisoro mu gutanga inyemezabuguzi; (g) « ubuyobozi bw'imisoro » bivuga Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; (h) « ugurisha imashini » bivuga isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye byanditswe mu Rwanda kandi byahawe uruhushya n'ubuyobozi bw'imisoro, rwo kugurisha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi cyangwa ibikoreshe koranabuhanga byifashishwa mu kubara no gutanga inyemezabuguzi.	(f) “electronic invoicing system” means an invoicing system that is certified by the tax administration for the purposes of invoice issuance; (g) “tax administration” means Rwanda Revenue Authority; (h) “supplier” means a company or natural person registered in Rwanda licensed by the tax administration for selling certified electronic invoicing system or computing devices.	(f) « système de facturation électronique » signifie un système de facturation électronique certifié par l'administration fiscale aux fins de l'émission des factures ; (g) « administration fiscale » signifie l'Office Rwandais des Recettes ; (h) « fournisseur » signifie une société ou une personne physique enregistrée au Rwanda agréée par l'administration fiscale pour vendre des systèmes de facturation électronique ou des appareils informatiques certifiés.
UMUTWE WA II: UBURYO N'IBISABWA MU GUKOresha UBURYO BW'IKORANABUHANGA MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI <u>Ingingo ya 3:</u> Ibisabwa mu gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi Usora usabwa gukoresha uburyo	CHAPTER II: MODALITIES AND REQUIREMENTS FOR THE USE OF ELECTRONIC INVOICING SYSTEM <u>Article 3:</u> Requirements for the use of electronic invoicing system A taxpayer who is required to use an	CHAPITRE II: MODALITÉS ET EXIGENCES RELATIVES À L'UTILISATION D'UN SYSTÈME DE FACTURATION ÉLECTRONIQUE <u>Article 3:</u> Exigences relatives à l'utilisation d'un système de facturation électronique Un contribuable qui est tenu d'utiliser le

bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi agomba – (a) gusaba no guhabwa uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi nk'uko byagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro; (b) kugira amasezerano ya serivisi afite agaciro n'ugurisha imashini iyo usora akoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi butandukanye n'ubwagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro; (c) kugira uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi aho ubucuruza bukorerwa kandi bugashyirwa ahantu horohye abaguzi kubona; (d) gushyira itangazo rikubiyemo amakuru akurikira ahantu uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bugaragarira abaguzi mu buryo bworoshye: (i) amazina y'usora, aderesi ye na TIN;	electronic invoicing system must – (a) request and obtain the electronic invoicing system as determined by the tax administration; (b) have a valid service contract with a supplier if the taxpayer outsources an invoicing system other than the system issued by the tax administration; (c) have an electronic invoicing system at the sales location in a place which is accessible to customers; (d) put a conspicuous notice containing the following information at a place where an electronic invoicing system is easily seen by customers: (i) taxpayers' name, address and TIN;	système de facturation électronique doit – (a) demander et obtenir le système de facturation électronique tel que déterminé par l'administration fiscale; (b) avoir un contrat de service valide avec un fournisseur si le contribuable externalise un système de facturation autre que celui fourni par l'administration fiscale; (c) disposer d'un système de facturation électronique sur le lieu de vente dans un endroit accessible par les clients; (d) placer un avis bien visible contenant les informations suivantes à un endroit où le système de facturation électronique est facilement visible par les clients: (i) le nom, l'adresse et le TIN du contribuable;
--	---	--

(ii) inomeroy ya SDC; (iii) ikigaragaza iyandikwa ku musoro ku nyongeragaciro; (iv) kumanika ahagaragara inyandiko “ntiwishyure mu gihe udahawe inyemezabuguzi”; (e) kwemeza inyemezabuguzi yatangijwe n’umuguzi hagamijwe kubahiriza inshingano zo gutanga inyemezabuguzi; (f) gukora no gusohora inyandiko mu buryo bw’ikoranabuhanga bwo gutanga inyemezabuguzi yemeza ko ibicuruzwa bivuye mu bubiko bijya mu bundi bubiko bw’isohotse; (g) gusaba ubuyobozi bw’imisoro guhagarika uburyo bw’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe habaye ihagarikwa ry’ibikorwa by’ubucuruzi; (h) gutanga inyemezabwishyu yemewe itesha agaciro icapye	(ii) the SDC serial number; (iii) an indication of a value added tax registered person; (iv) posting a visible statement “do not pay if an invoice is not issued”; (e) approve an invoice initiated by the buyer for the purpose of complying with invoice issuance obligations; (f) generate and print a delivery note from the electronic invoicing system justifying stock movement from one stock to another within the company; (g) request the tax administration to deactivate the electronic invoicing system in case of cessation of business activity; (h) issue a certified cancelled receipt printed by the electronic invoicing	(ii) le numéro de série du “SDC” ; (iii) l’indication du fait d’être assujetti à la taxe sur la valeur ajoutée ; (iv) afficher une déclaration visible « ne payez pas si aucune facture n’est émise » ; (e) approuver une facture initiée par l’acheteur dans le but de respecter les obligations d’émission des factures ; (f) générer et imprimer un bon de livraison à partir du système de facturation électronique justifiant les mouvements de stock d’un stock à un autre au sein de l’entreprise; (g) demander à l’administration fiscale de désactiver le système de facturation électronique en cas de cessation de l’activité commerciale ; (h) émettre un reçu certifié imprimé par le système de facturation
---	---	--

itangwa n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi no kubika inyandiko y'iryo teshwagaciro ry'inyemezabwishyu nk'uko bigenwa n'ubuyobozi bw'imisoro;	system and documenting the receipt cancellation in accordance with the cancellation procedure specified by the tax administration;	électronique et documenter l'annulation du reçu conformément à la procédure d'annulation spécifiée par l'administration fiscale;
(i) kumenyesha ubuyobozi bw'imisoro mu gihe kitarenze amasaha 12 iyo habaye kwibwa kw'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi, no mu gihe kitarenze amasaha atandatu iyo habaye kwangirika kw'ubwo buryo. Iryo menyesha rigomba guherekezwa na kopi ya raporo yatanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha. Iyo ibikorwa by'ubucuruzi bikomeje, usora agomba kuba afite uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi;	(i) notify the tax administration within 12 hours in case of theft of the electronic invoicing system and within six hours in case of damage to this system. The notification is accompanied by a copy of the report from the competent authority. If the business activity is continuing, a taxpayer must get a new electronic invoicing system within five working days;	(i) informer l'administration fiscale dans un délai de 12 heures en cas de vol du système de facturation électronique et dans un délai de six heures en cas de dommage de ce système. Cette notification doit être accompagnée d'une copie du rapport de l'autorité compétente. Lorsque l'activité commerciale se poursuit, le contribuable doit disposer d'un nouveau système de facturation électronique dans un délai de cinq jours ouvrables;
(j) gukora inyemezabuguzi ebyiri zitari iz'ikoranabuhanga, mu gihe uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi budakora, bwangiritse cyangwa bwibwe, kandi byamenyeshejwe nk'uko biteganywa mu gaka ka (i), no gucapa izo nyemezabuguzi igihe	(j) issue manual invoices in two specimens, in case the electronic invoicing system is not functioning properly, is damaged or stolen, and the case was reported in compliance with Subparagraph (i) and print the corresponding invoices once the electronic	(j) émettre des factures manuelles en deux exemplaires, au cas où le système de facturation électronique ne fonctionne pas correctement, est endommagé ou volé et que le cas a été signalé conformément à l'alinéa (i) et imprimer les factures correspondantes une fois le

uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bwongeye gukora; (k) no kuzuza indi nshingano yose yagenwa n'ubuyobozi bw'imisoro. <u>Ingingo ya 4:</u> Guhuza sisitemu zitanga inyemezabuguzi Usora ukoresha uburyo bukomatanyije bw'imicungire y'isosiyete mu gukora inyemezabuguzi asabwa guhuza ubwo buryo n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu buryo bwagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro. <u>Ingingo ya 5:</u> Inyemezabuguzi ikozwe n'umuguzi Mu gihe ugurisha atabashije gutanga inyemezabuguzi, ugura atangiza igikorwa cyo gukora inyemezabuguzi. Icyo gihe, ugurisha afite inshingano yo kwemeza inyemezabuguzi yatangijwe n'ugura nk'uko biteganywa n'ubuyobozi bw'imisoro.	invoicing system is restored; and (k) fulfil any other obligation that may be determined by the tax administration. <u>Article 4:</u> Invoicing system integration A taxpayer who uses an Enterprise Resource Planning “ERP” to make invoices is required to integrate their ERP with the electronic invoicing system through a prescribed manner determined by the tax administration. <u>Article 5:</u> Buyer initiated invoice In circumstances where the seller is unable to issue an invoice, the buyer initiates the invoice processing. In that case, the seller has an obligation to approve the initiated invoice as determined by the tax administration.	système de facturation électronique rétabli; et (k) remplir toute autre obligation qui pourrait être déterminée par l'administration fiscale. <u>Article 4:</u> Intégration des systèmes de facturation Le contribuable qui utilise le Progiciel de Gestion Intégré “PGI” pour établir des factures est tenu d'intégrer son PGI au système de facturation électronique de manière prescrite et déterminée par l'administration fiscale. <u>Article 5:</u> Facture initiée par l'acheteur Dans les cas où le vendeur ne peut pas émettre de facture, l'acheteur initie le traitement de la facture. Dans ce cas, le vendeur a l'obligation d'approuver la facture initiée tel que déterminé par l'autorité fiscale.
--	---	--

<u>Ingingo ya 6: Ibigomba kugaragara ku nyemezabuguzi</u>	<u>Article 6: Invoice data requirements</u>	<u>Article 6: Données requises sur une facture</u>
Uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi butanga inyemezabuguzi igaragaza nibura amakuru y'ibanze asabwa akurikira:	An electronic invoicing system generates an invoice showing at least the following minimum required information:	Le système électronique de facturation génère une facture indiquant au moins les informations minimales requises suivantes:
(a) izina ry'usora;	(a) the taxpayer's name;	(a) le nom du contribuable;
(b) TIN y'umucuruzi;	(b) the seller's TIN;	(b) le TIN du vendeur;
(c) inomeru iranga umuguzi;	(c) the buyer identification number;	(c) le numéro d'identification de l'acheteur;
(d) aho ubucuruzi bukorerwa;	(d) address at which the sale takes place;	(d) l'adresse du lieu de vente;
(e) inomeru ya telefoni y'umuguzi;	(e) the buyer's phone number;	(e) le numéro de téléphone de l'acheteur;
(f) ubwoko bw'inyemezabuguzi n'ubw'igikorwa cy'ubucuruzi;	(f) an invoice type and transaction type;	(f) le type de facture et de transaction commerciale;
(g) inomeru y'urukurikirane y'inyemezabuguzi, igenda izamuka nta mubare usimbutse kuri buri bwoko bw'inyemezabuguzi;	(g) a serial number of the invoice, arranged in ascending and uninterrupted order by invoice type;	(g) le numéro de série de la facture, établi par ordre croissant et ininterrompu par type de factures;
(h) ibijyanye n'ibicuruzwa, cyangwa serivisi byanditswe, ubwoko bwabyo n'uko bingana, igiciro	(h) the description, quantity and price of registered goods or services and other actions that can be taken,	(h) la description, la quantité et le prix des biens ou des services enregistrés, et d'autres

ndetse n'ibindi bishobora gukorwa, nko gutesha agaciro cyangwa gukosora inyemezabuguzi;	such as invalidating the invoice or correcting it;	modifications possibles, telles que l'annulation ou la correction;
(i) igiteranyo cy'ibiciro by'ibicuruzwa;	(i) the total sales amount;	(i) le montant total des ventes;
(j) igipimo kigenderwaho mu gusora;	(j) tax rates applied;	(j) les taux d'imposition appliqués;
(k) igipimo cy'umusoro cyongerwa ku giciro cy'igicuruzwa;	(k) the rate of tax added to the price of the product;	(k) le taux de taxe additionnée sur le prix du produit;
(l) uburyo bwo kwishyura;	(l) means of payment;	(l) le mode de paiement;
(m)igabanywa ry'igiciro;	(m)the discount offered;	(m)la réduction offerte;
(n) amakuru ya SDC harimo –	(n) SDC information including –	(n) les informations du SDC, y compris –
(i) itariki n'igihe bishyirwaho na SDC;	(i) the date and time stamped by the SDC;	(i) la date et l'heure inscrites par le SDC;
(ii) inomero y'ubwoko bw'inyemezabuguzi igezweho;	(ii) a sequential invoice type number;	(ii) le numéro de séquence du type de reçu;
(iii) inomero iranga SDC;	(iii) the SDC identification number;	(iii)le numéro d'identification du SDC;
(iv) inomero iranga imashini itanga inyemezabuguzi;	(iv)the invoicing system number; and	(iv)le numéro du système de facturation; et
(v) n'itariki n'igihe byanditswe	(v) the date and time stamped by	(v) la date et l'heure apposées par

hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi. <u>Ingingo ya 7: Ubwoko bw'ibikorwa by'ubucuruzi n'inyemezabuguzi</u> (1) Ubwoko bw'ibikorwa by'ubucuruzi bukorwa n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ni ukugurisha n'ugutesha agaciro inyemezabuguzi. (2) Ubwoko bw'inyemezabuguzi ni inyemezabwishyu isanzwe, kopi n'inyemezabuguzi y'agateganyo. <u>Ingingo ya 8: Abantu badasabwa gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi</u> Usora ntasabwa gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi kuri buri gikorwa cy'ubucuruzi iyo adafite inshingano zo gukora imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka rigenwa n'umusoro ku musaruro; icyakora, asabwa kwemeza inyemezabuguzi yatangiye n'umuguzi.	electronic invoicing system. <u>Article 7: Types of transactions and invoices</u> (1) The transaction types generated by electronic invoicing system are sale and cancellation of an invoice. (2) The invoice types are normal receipt, copy and pro forma. <u>Article 8: Persons not required to use electronic invoicing system</u> A taxpayer is not required to use the electronic invoicing system on each transaction when they are not obliged to file an annual tax declaration as per income tax; however, the taxpayer is required to approve an invoice initiated by the buyer.	le système de facturation électronique. <u>Article 7: Types de transactions et de factures</u> (1) Les types de transactions générées par le système de facturation électronique sont la vente et l'annulation d'une facture. (2) Les types de facture sont le reçu normal, la copie et le pro forma. <u>Article 8: Personnes non tenues d'utiliser le système de facturation électronique</u> Un contribuable n'est pas tenu d'utiliser le système de facturation électronique lorsqu'il n'est pas tenu de produire la déclaration fiscale annuelle de l'impôt sur le revenu; toutefois, ce contribuable est tenu d'approuver une facture initiée par l'acheteur.
---	--	--

<u>Ingingo ya 9:</u> Kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'ikoreshwa ry'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi Hagamijwe iyubahirizwa ry'inshingano z'abakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi, ubuyobozi bw'imisoro bukora isesengura ricukumbuye ry'amakuru mu gutahura abadatanga inyemezabuguzi cyangwa bukohera abagenzuzi ahakorera ubucuruzi, cyangwa byombi. <u>UMUTWE WA III: KUVANIRWAHO UMUSORO</u> <u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bukurikizwa mu gusaba kuvanirwaho umusoro (1) Usora usaba ubuyobozi bw'imisoro kuvanirwaho umusoro fatizo, inyungu z'ubukererwe cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi yuzuza impapuro zagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro, kandi agatanga ibisobanuro bijyanye n'ubusabe bwe.	<u>Article 9:</u> Compliance and monitoring of the use of electronic invoicing system For purposes of ensuring the compliance with the obligations of the users of electronic invoicing system, the tax administration uses data analytics to detect non-compliance behavior or deploys inspectors across business centers or both. <u>CHAPTER III: WAIVER OF TAX</u> <u>Article 10:</u> Modalities for applying for waiver of tax (1) The taxpayer who applies to the tax administration for waiver of principal tax, interests for late payment or administrative penalties fills the forms prescribed by the tax administration and provides explanations regarding their application.	<u>Article 9 :</u> Conformité et contrôle de l'utilisation du système de facturation électronique Afin d'assurer le respect des obligations des utilisateurs du système de facturation électronique, l'administration fiscale fait l'analyse des données pour détecter les comportements de non-conformité ou déploie des inspecteurs dans les centres d'affaires, ou les deux. <u>CHAPITRE III : DISPENSE DE PAIEMENT D'IMPÔT</u> <u>Article 10 :</u> Modalités de demande de la dispense de paiement d'impôt (1) Le contribuable qui demande auprès de l'administration fiscale la dispense de paiement de l'impôt principal, des intérêts de retard ou des pénalités administratives remplit les formulaires prescrits par l'administration fiscale et fournit des explications concernant sa demande.
--	---	---

(2) Iyo ubuyobozi bw'imisoro busuzumye ubusabe bw'usora bugasanga – (a) bufite ishingiro, bushyikiriza Minisitiri ufite imisoro mu nshingano raporo ishyigikira ubusabe bw'usora; (b) nta shingiro bufite, bubimenyesha, mu nyandiko, usora. (3) Raporo iteganywa mu gika cya (2)(a) iba ikubiyemo ibi bikurikira: (a) umwirondoro w'usora; (b) ingano y'umusoro fatizo, inyungu z'ubukererwe cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'ubwoko by'imisoro bisabirwa kuvanwaho; (c) ikibazo cyihariye usora yagize cyatumye atishyura imisoro	(2) When the tax administration examines the taxpayer's application and finds that – (a) the request is valid, it submits to the Minister in charge of taxes a report supporting the taxpayer's application; (b) the taxpayer's application is irrelevant, it informs the taxpayer in writing. (3) The report provided for in Paragraph (2)(a) includes the following: (a) the profile of the taxpayer; (b) the amount of principal tax, interests for late payment or administrative penalties and types of taxes subject to request for waiver; (c) the specific problem the taxpayer encountered that	(2) Lorsque l'administration fiscale examine la demande du contribuable et constate que – (a) la demande du contribuable est fondée, elle transmet au Ministre ayant les taxes dans ses attributions un rapport de soutien de la demande du contribuable ; (b) la demande du contribuable n'est pas fondée, elle en informe le contribuable par écrit. (3) Le rapport prévu au paragraphe (2)(a) comprend les éléments suivants : (a) le profil du contribuable ; (b) le montant de l'impôt principal, des intérêts de retard ou des pénalités administratives et les types d'impôts faisant l'objet de la demande de dispense ; (c) le problème spécifique rencontré par le contribuable
--	---	--

nk'uko bisabwa; (d) umusoro fatizo wishyuwe cyangwa amasezerano yo kuwishyura mu byiciro, iyo usora asaba kuvanirwaho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa inyungu z'ubukerererwe; (e) igihe cy'umusoro kijyanye n'umusoro fatizo, inyungu z'ubukerererwe cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bisabirwa kuvanwaho. <u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa kugira ngo usora yemererwe kuvanirwaho umusoro, inyungu z'ubukerererwe cyangwa ibihano (1) Kuvanirwaho umusoro fatizo, inyungu z'ubukerererwe cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi byemerwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano iyo uwasabye –	caused them not to pay taxes as required; (d) the principal tax paid or the agreement to pay in installments when the taxpayer requests for waiver of penalties or interests for late payment; (e) the tax period corresponding to the principal tax, interests for late payment or administrative penalties requested for waiver. <u>Article 11:</u> Conditions for waiver of tax, interests for late payment or penalties (1) The waiver of principal tax, interests for late payment or administrative penalties is granted by the Minister in charge of taxes if the applicant –	qui l'a empêché de payer les impôts requis ; (d) l'impôt principal déjà payé ou un accord de paiement échelonné lorsque le contribuable demande la dispense de paiement des pénalités ou intérêts de retard ; (e) la période imposable correspondant à l'impôt principal, aux intérêts de retard ou aux pénalités administratives faisant l'objet de la demande de dispense. <u>Article 11:</u> Conditions de dispense de paiement d'impôt, des intérêts de retard ou des pénalités (1) La dispense de paiement de l'impôt principal, des intérêts de retard ou des pénalités administratives est accordée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions lorsque le demandeur –
--	--	---

(a) yishyuye umusoro fatizo cyangwa afite amasezerano yo kuwishyura mu byiciro akaba asaba kuvanirwaho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa inyungu z'ubukerererwe; (b) yari asanzwe yishyura neza imisoro mbere y'uko agira ibibazo bikomeye by'imari byamuteye gusaba kuvanirwaho umusoro; (c) asanzwe yubahiriza amategeko y'imisoro n'uburyo bw'isoresha; (d) kandi agaragaza ibimenyetso n'ibyangombwa bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha bigaragaza inkomoko y'ibibazo by'imari yagize. (2) icyakora, iyo kuvanirwaho umusoro bijyanye n'umusoro fatizo, Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ashyikiriza raporo Inama y'Abaminisitiri ikabifataho icyemezo.	(a) has paid the principal tax or has an agreement to pay in installments and is requesting for waiver of administrative penalties or interests for late payment; (b) consistently paid taxes before facing financial hardship that caused them to request for waiver of tax; (c) is compliant with tax laws and procedures; and (d) has provided evidence and documents issued by competent authorities to show the origin of the financial hardship encountered. (2) However, if the waiver concerns the principal tax, the Minister in charge of taxes submits a report to the Cabinet for decision.	(a) s'est acquitté de l'impôt principal ou est détenteur d'un accord de paiement échelonné et demande la dispense de paiement des pénalités administratives ou des intérêts de retard ; (b) payait régulièrement les impôts avant d'avoir des difficultés financières qui l'ont amené à demander une dispense de paiement d'impôt ; (c) se conforme aux lois et procédures fiscales ; et (d) fournit des preuves et des documents délivrés par les autorités compétentes attestant l'origine des difficultés financières rencontrées. (2) Toutefois, lorsque la demande porte sur la dispense de l'impôt principal, le Ministre ayant les taxes dans ses attributions transmet le rapport au Conseil des Ministres pour décision.
---	--	--

<u>UMUTWE WA IV: IGIHEMBO GIHABWA UMUNTU WATANZE AMAKURU KU INYEREZWA RY'UMUSORO</u> <u>Ingingo ya 12: Igihembo</u> (1) Umuntu watanze amakuru ku inyerezwa ry'umusoro ahabwa n'ubuyobozi bw'imisoro igihembo kingana na 5% by'umusoro fatizo wagarujwe cyangwa FRW 10.000.000, igihembo gito muri ibyo byombi kikaba ari cyo gitangwa. (2) Kwishyurwa igihembo kivugwa mu gika cya (1) bikorwa nyuma y'uko ubujurire bwo mu rwego rw'ubutegetsi burangiye, iyo usora yahisemo iyo nzira.	<u>CHAPTER IV: AWARD GIVEN TO A PERSON FOR REPORTING A CASE OF TAX EVASION</u> <u>Article 12: Award</u> (1) A person who reports a case of tax evasion receives an award from the tax administration equal to 5% of the recovered principal tax or FRW 10,000,000, whichever is the lower amount. (2) The payment of the award referred to in Paragraph (1) is effective upon concluding the administrative appeal procedure, if any.	<u>CHAPITRE IV: RÉCOMPENSE ATTRIBUÉE À UNE PERSONNE POUR AVOIR SIGNALÉ UN CAS DE FRAUDE FISCALE</u> <u>Article 12: Récompense</u> (1) Une personne qui signale un cas de fraude fiscale reçoit une récompense de l'administration fiscale égale à 5% de l'impôt principal recouvré ou à 10.000.000 FRW, le montant le plus faible étant retenu. (2) Le paiement de la récompense visée au paragraphe (1) est effectué après la conclusion de la procédure de recours administratif, le cas échéant.
<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 13: Ingingo ivanaho</u> Iteka rya Minisitiri n° 002/13/10/TC ryo kuwa 31/07/2013 rigena imikoreshereze y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga inyemezabuguzi rivanyweho.	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 13: Repealing provision</u> Ministerial Order n° 002/13/10/TC of 31/07/2013 on modalities of use of a certified electronic billing machine is repealed.	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 13: Disposition abrogatoire</u> L'Arrêté Ministériel n° 002/13/10/TC du 31/07/2013 portant modalités d'utilisation de la machine de facturation électronique agréée est abrogé.

<u>Ingingo ya 14: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.	<u>Article 14: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda.	<u>Article 14: Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 15: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 15: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 15: Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 24/09/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux